12 JAN. 1984

073 /12.07

V/L N°710/03.09.01/10
du 18/11/1983.

Règlement Intérieur de la Commission Communale de la Jeunesse.

Monsieur le Bourgmestre de
la Commune de MURAMBI
B Y U M B A
S/c de et C.P.I à Monsieur le S/Préfet
de S/Préfecture NGARAMA
B Y U M B A

Monsieur le Bourgmestre,

J'ai l'honneur d'accuser réception de votre lettre dont la référence et l'objet sont repris en marge et de porter à votre connaissance les avis et considérations ci-après :

Tout d'abord, j'ai apprécié votre initiative qui a suscité la création d'une commission permettant aux jeunes de se sentir responsables du développement de leur Commune. De part cette structure, je ne doute pas que le chantier des jeunes implanté dans la région atteindra facilement ses objectifs.

Je compte sur votre franche et habituelle collaboration.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDABAYIRARA Augustin
Major BEM.

C.P.I à:
- Monsieur le Préfet de Préfecture
  B Y U M B A
- Monsieur l'Encadreur Régional de la Jeunesse et des Sports
  B Y U M B A
- Monsieur l'Encadreur S/Régional de la Jeunesse et des Sports de NGARAMA
  B Y U M B A

/G.J.B./M.M./

Faire lettre comprenant si possible des observations sur ce règlement 23/12/83

DEF

Gakenke le I8/II/I983

République Rwandaise
Préfecture Byumba
S/Préfecture Ngarama
Commune Murambi

N°7I0/03.09.0I/I0

A ... par : DGJ
Date arrivée : 09 DEC. 1983
N° Classement : 59/13/12.04

Vu 15/12/83

Monsieur le Ministre de jeunesse
et des Sports à
K I G A L I.

Accuser réception lui demander de suivre de près la marche de ce centre.

B/C Monsieur le Préfet de la Préfecture
BYUMBA .

S/C Monsieur le S/Préfet de la S/Préfecture
NGARAMA .

Monsieur le Ministre ,

J'ai l'honneur de vous transmettre le Projet de " Réglement intérieur " de la Commission Communale chargée des questions relatives à la jeunesse .

Ce projet a été élaboré par les jeunes élus par eux et parmieux et met en exergue :

- les objectifs de la commission ;
- la structure organisationnelle, et
- le fonctionnement .

Les rencontres vont continuer à se faire pour finaliser le projet .

Je saisis cette occasion pour vous informer que les jeunes élus au niveau des cellules vont commencer la formation au chantier des jeunes de l'Est de Gakoni en Décembre I983 .

Je vous remercie pour la patience qui va vous demander la lecture de ce dossier .

Veuillez agréer Monsieur le Ministre, l'expression de mon profond respect .

Copie Pour Information à :

- Monsieur l'Encadreur de la jeunesse et de sports Murambi .

Le Bourgmestre de la
Commune Murambi
Gatete Jean Baptiste .

AMATEGEKO AGENGA KOMISIYO Y'URUBYIRUKO RWA KOMINI MURAMBI

Inama ya Komini Murambi imaze kubona ko urubyiruko rwa Komini rufite ibibazo bikulikira:

-Komini Murambi ifite abasore n'inkumi benshi

-ubwiyongere bw'abaturage

-kubura amasambu

-ubujiji

-kutagira akazi kabahesha umushahara

-kubura umuco na discipline

-kudashyigikirwa kw'amashyirahamwe Koperative hamwe n'imikino.

-kutumva bihagije amatwara ya MRND.

Yiyemeje gushinga Komisiyo y'urubyiruko muli Komini igategura amategeko y'umwihaliko ateye atya:

INTERURO YA I:IREMWA RYA KOMISIYO:

Ingingo ya I:Ishingwa rya Komisiyo:

Abagize Komisiyo biyemeje gushyiraho Komisiyo yitwa: "Komisiyo y'urubyiruko rwa Komini Murambi"

Ingingo ya 2:Intego ya Komisiyo:

-gukoranyiliza urubyiruko mu mashyirahamwe,koperative hamwe n'ibimina

-kurwanya ubujiji alibyo kwigishanya gusoma,kwandika,kujya mu matorero y'amahuguliro.

-kwamamaza no gukundisha urubyiruko imikino y'amoko yose

-gucengeza no kwamamaza amatwara ya MRND bakora animasiyo batanga umuganda.

-guteza urubyiruko guhamya no gushyigikira amahoro,umutekano na discipline.

-kwumvisha urubyiruko ko rugomba kugira isuku no kurwanya nyakatsi

-kumenyereza no gukundisha urubyiruko imilimo y'amaboko,ruhinga,rworora, kijyambere,rwita no kubyerekeye ubukolikoli nyarwanda.

-guhuza urubyiruko kugira ngo rwigire hamwe ibibazo rwihaliye.

-gushyigikira umuco nyarwanda,urubyiruko rusanzwe

-Kubaha abakuze,gufasha ibimuga n'abatishoboye

-kwamaganira kure uburaya n'ubwomanzi

-kwamaganira kure imico y'ahandi idahuje n'umuco Nyarwanda

-kurwanya kunywa ibiyobya bwenge(urumogi,warage,mayirungi) kimwe no gutera urusimbi no gusinda ku mugaragaro.

-kwigisha urubyiruko uburyo bubonye bwatuma ruzabyara abo rushoboye kurera,kubumvisha ko rukwiye gushaka rukuze,rwilinda gushaka binyuranije n'amategeko no kubyara ibinyendaro.

-gufatanya n'inzego z'ubutegetsi mu guharanira amajyambere y'Igihugu.

..../....

Ingingo ya 3 : Igihe Komisiyo imara:

Abagize komisiyo nta manda bagira.Gusa,iyo hali unyuranije n'aya mategeko asimbuzwa undi inama yateranye.

INTERURO YA II.INZEGO Z'UBUTEGETSI:

Ingingo ya 4 :Abagize komisiyo

a)Muli Selile:hatorwa umuhungu n'umukobwa bahagaraliye urubyiruko rwa Selile yabo.

b)Muli Segiteri:abatowe muli selile bitoramo abantu 5 alibo:
-Prezida w'urubyiruko muli Segiteri
-Vice-Prezida ushinzwe amahoro n'umutekano na discipline
-umufasha ushinzwe umuganda
- " " koperative n'ibimina ( Kontines)
- " " imikino n'animasiyo
hakiyongeraho umwanditsi n'umubitsi.
-Umujyanama wa Komini ushinzwe Segiteri
-Abakuru baza selile n'abakuru b'imilimo muli Segiteri(imilimo ya Leta)

c)Muli Komini hali:Burgmestri wa Komini
-abajyanama ba Komini
-abakuru b'imilimo alibo Agronome,Vétérinaire,Encadreur w'urubyiruko n'imikino,Encadreur wa ze Koperative,Responsable wa C.S.D.na C.C.D.F.P.umukuru w'Ivuliro,Brigadier OPJ,Comptable,umucamanza na Directeur w'ikigo cy'urubyiruko i Gakoni,kongeraho batanu bagiye batorwa muli Segiteri,bose hamwe ni 96.

Bitoramo ibiro bigizwe n'abantu 6 alibo:
-prezida
-vice-prezida ushinzwe amahoro n'umutekano na discipline:
-umufasha ushinzwe umuganda
- " " imikino n'animasiyo
- " " amashyirahamwe,koperative n'ibimina
-umwanditsi n'umubitsi

Imilimo bashinzwe:

-Ibyo biro bitumiza inama ya Komisiyo ishinzwe urubyiruko muli Komini n'inama rusange y'urubyiruko rwa Komini Murambi.
-Guhuza urubyiruko n'ubutegetsi bwa Komini
-Kugenzura niba intego za Komisiyo,ibyemezo by'inama rusange byarubahilijwe n'urubyiruko muli Komini.

..../....

INTERURO YA 3:IMIKORERE Y'INAMA:

a)Inama rusange:Inama rusange ihamagarwa igihe bibaye ngombwa,ishobora guhamagarwa na prezida wa komisiyo,Encadreur ushinzwe urubyiruko n'imikino.Cyangwa Ministri ushinzwe urubyiruko n'imikino.
Imilimo y'inama rusange:inama rusange ifite ububasha bwo kwemeza no guhindura mategeko agenga imiterere n'imikorere y'urubyiruko muli Komini Murambi.
-inama rusange itanga uburenganzira bwo gutora no gukuraho abagize komisiyo y'urubyiruko muli Segiteri no muli selile.
-inama rusange igomba kumenyeshwa raporo y'imikorere ya Komisiyo zose.
Inama rusange igizwe n'urubyiruko ruli hagati y'imyaka IO na 30 ? ruvuka kandi rutuye muli Komini Murambi.
Inama rusange iterana kabili mu mwaka,mu kwezi kwa kabili no;mu kwezi kwa munani.
Inama idasanzwe ishobora gutera igihe kibonetse cyose.

b)Inama ya komisiyo ya Komini:
Iyo nama iterana limwe mu kwezi,kuwa gatatu w'icyumweru cya nyuma cy'ukwezi saa tatu za mu gitondo.

c)Inama ya komisiyo ya segiteri:

Imilimo ishinzwe:
Kubahiliza intego za Komisiyo ya Komini ishinzwe urubyiruko
Nukuvuga ko:
-Komisiyo ifite uburenganzira bwo gutumiza inama y'urubyiruko muli Segiteri kugira ngo ibagezeho amabwiliza ya komisiyo ya Komini.
-Kubahiliza ibyemezo bya komisiyo ya Komini
-Gukora raporo y'ibikorwa muli Segiteri ikagezwa kuli komisiyo ya Komini,ishinzwe guhuza urubyiruko rwa Segiteri n'ubutegetsi bwa Segiteri n'inzego z'ubutegetsi na tekinike muli Segiteri.
-kwiga ibibazo byose byerekeye amahoro,umutekano na discipline
-koperative,ibimina,imikino n'umuganda.

INTERURO YA 4:ITORWA RY'INZEGO ZA KOMISIYO Y'URUBYIRUKO:

a)Muli Selile:
Urubyiruko rwo muli selile rutora umusore n'inkumi babahagaralira muli komisiyo y'urubyiruko muli Segiteri,kugira ngo itôra ryemerwe nuko haba hali 3/4 by'urubyiruko rugomba gutora.Buli musore buli nkumi wese atanga kandidature.Hemerwa uwo amajwi menshi yiganjeho,aliko arenze 1/2 cy'abahali.Abaje mu nama bihitiramo uburyo batoramo,itora likoreshwa n'umuyobozi w'urubyiruko muli Komini,afatanije n'umukuru wa Komite ya Selile.Utorwa agomba kuba yujuje ibi bikulikira:

..../....

-kuba azi kwandika no gusoma

-kuba afite imyaka y'amavuko ili hagati ya 17 na 25

-kuba ali indakemwa mu mico no mu myifatire

-kuba yalize cg yiga muli C.S.D.,C.C.D.F.P.cg muli chantier des jeunes de l'Est,kuba afite certificat ya Familiale,CERAI na CERAR.

b) Muli segiteri no muli Komini:

Urubyiruko rwatowe mu ma selile,rwitoramo ibiro.Hatorwa uwegukanye amajwi menshi.Uli muli Komisiyo wese afite uburenganzira bwo kwiyamamaza.

INTERURO YA 5:UMUGEREKA N'UMWANZURO:

a) Ibihano:

I. Kwirukanwa muli Komisiyo

Umuntu yirukanwa muli Komisiyo y'urubyiruko

-iyo adatunganya umulimo ashinzwe

-iyo ateshutse ku mpamvu zimwemerera gutorwa

-iyo asibye inama gatatu nta mpamvu

-iyo afunzwe igifungo cy'iremezo(amezi abili)

2. Gucibwa izahabu:

-umusore cyangwa inkumi uzasiba umuganda,animasiyo,inama,inshuro ebyili azahanishwa gutanga izahabu y'amafranga magana abili(200 Frs)aliko yarabanje kugawa na bagenzi be.

3. Gushyikilizwa ubutegetsi bwa Komini:

-umusore cyangwa inkumi izasiba umuganda,animasiyo,inama,inshuro zirenze eshatu,kimwe n'uzanga kwiga muli C.S.D.,C.C.D.F.P.no muli chantier des jeunes de l'Est.

Abatubahiliza amabwiliza ya komisi na Leta,bagomba gufatwa bakajyanwa kwa Konseye akabahana,bakongera bagafatwa bagashyikilizwa Burgumestri.

Abanyarugomo barafatwa bakagemurwa kuli Komini,bagahanishwa amategeko

akubiye mu gitabo cy'amategeko ahana(Code pénal)

4. Kwegura:

-ushaka kwegura yandikira prezida wa komisiyo akabimenyesha umuyobozi w'urubyiruko muli Komini.

-impamvu zituma yegura zisuzumirwa mu nama ya komisiyo ya Komini,ikamusubiza mbere y'iminsi 30,nyuma y'icyo gihe yiviramo nta mpamvu.

=========================